Kigali, kuwa30Nzeri2020

Imvura iteganyijwe hagati y'italiki ya 1 niya 10 Ukwakira 2020

Mu gice cya mbere cy'ukwezi k'Ukwakira 2020(hagati y'italiki ya 1 n'iya10) mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 10 na 80mm. Imvura iri hagati ya milimetero10 na 30 iteganyijwe mu ntara y'Iburasirazuba no mu mujyi wa Kigali ariko agace gato k'iburasirazuba bw'akarere ka Nyagatare na Gatsibo hateganyijwe imvura izagera kuri milimetero 40. Mu ntara y'Amajyepfo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 50 ariko uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe tukazagira imvura izagera kuri milimetero 80. Mu ntara y'Iburengerazuba n'Amajyaruguru hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero40 na 80. Ushaka ibisobanuro birambuye yakwifashisha ikarita iri kuri iri iteganyagihe.

Imvura iteganyijwe kugwa ku mataliki ya 1, n'iya2 no kuva taliki ya 8 kugera mu mpera z'iminsi icumi ariko mu ntara y'Amajyarugu, Iburengerazuba hiyongereyeho uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru, imvura nke ikazagwa no kuyandi mataliki. Imvura iteganyijwe izaturuka ku isangano ry'imiyaga rihererye muri Afrika y'Iburasirazuba ikazumvikanamo inkuba ndetse ikazaba arimo n'umuyaga ahenshi. Imvura iteganyijwe iri kukigero cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri iyi minsi icum iy'ukwezi k'Ukwakira.